KN 67, Street 2,
P.O. Box 1348,
Kigali, Rwanda
Tel: +250 788 140 000 / 788 187 200
Email: contactus@bpr.rw; info@bpr.rw

**Itariki …………………………..**

**Our Ref**

**BPR/…/…/…/…-…**

# AMASEZERANO AREBANA N'INGWATE

Aya masezerano arebana n'Ingwate ( "Amasezerano") akozwe kandi atangira gukurikizwa ku itariki ashyiriweho umukono n'impande zose.

**HAGATI YA:**

**BPR Bank Rwanda Plc**, banki yashingiwe muri Repubulika y'u Rwanda ibarizwa kuri aderesi ikurikira: Binyujijwe ku Gasanduku k'Iposita **1348,** Nyarugenge – Kigali**,** Rwanda, yanditse kuri Kode y'Iyandikwa rya sosiyete No. **100162830;** muri aya masezerano ijambo Banki rikazaba rikubiyemo n'abaziyisimbura n'abo izahabwa; ikaba ihagararirwe na ……… na ………. Umukozi wa Banki ushinzwe abakiriya ku giti cyabo n'Umuyobozi w'Ishami bakaba bafite uburenganzira mu buryo bwemewe n'amategeko bwo gushyira umukono ku Masezerano mu izina rya BPR Bank Rwanda Plc. **(Yitwa Banki muri aya masezerano) ku ruhande rumwe,**

**NA:**

**…………………………..,** Umunyarwanda ufite Indangamuntu **No. …………………………..;**

**(Muri aya masezerano witwa Umukiriya )**

**…………………….,** sosiyete yashingiwe muri Repubulika y'u Rwanda ikaba yanditswe kuri Kode ya sosiyete No ………………, **……………………….. ,** Umunyarwanda ufite indangamuntu **No. …………………………….** na **………………….,** Umuyarwanda ufite indangamuntu **No. ………………………….** Bakaba aribo ba nyir'umutungo, mu gushyira umukono kuri aya masezerano bagaragaje ko bemeye gutangaho ingwate umutungo wabo uvugwa mu Mugereka A;

**(Muri aya Masezerano bitwa ba Nyir'umutungo** )

**KUBERA IYO MPAMVU;**

Dushingiye ku ibaruwa yo gutanga inguzanyo **yo kuwa ……………………..** ifite N° **BPR/LS/…/…/…-…** yashyizweho umukono na BPR Bank Rwanda Plc **n'Umukiriya** no ku mategeko n'amabwiriza n'izindi ngingo z'agaciro ziri muri iyi baruwa yo gutanga inguzanyo, impande zombi zemeranyijwe ibi bikurikira:

**INGINGO Z'AMASEZERANO**

1. Umukiriya yashyize umukono kuri iyi baruwa yo gutanga inguzanyo yavuzwe kandi yemeye guha Banki ho ingwate Umutungo Utimukanwa uvugwa mu Mugereka A n'ibikorwa byose biwuriho;

2. Umukiriya ahawe inguzanyo y'ingoboka ingana na **…………….. Frw ( amafaranga y'u Rwanda miliyoni …….. gusa)** zamarra **amaze ………. ikazajya** ibyara inyungu ku ijanisha ry'inyungu

ngenderwaho rya Banki rya **……….% ku mwaka** yiyongeraho n'andi mafaranga ntarengwa angana na **…………..% ku mwaka.**

3. Nk'uburyo bw'ingwate no kwishingira kuzishyura amafaranga yose yaba ay'inguzanyo nyirizina, inyungu za yo, aya serivisi, akoreshwa n'andi yose asabwa Umukiriya abereyemo Banki bitewe n'inguzanyo yahawe mu rwego rw'amasezerano y'inguzanyo n'andi mafaranga yose Umukiriya yaba agomba Banki akomoka ku bikorwa ibyo ari byo byose cyangwa serivisi Banki yamuhaye, Umukiriya/Nyir'umutungo yemeye gutangaho ingwate umutungo uvugwa mu Mugereka A.

4. Iyi nguzanyo izakomeza kwishingirwa hakoreshejwe umutungo watanzweho ingwate wavuzwe hejuru n'ibindi bikorwa biwuriho ibyo ari byo byose **nk'ingwate yo mu cyiciro cya kabiri** mu nyungu za Banki mu gihe **cy'amezi ………..** uretse gusa mu gihe byahindurwa ukundi mu nyandiko. Ariko, Umutungo umukiriya/Nyir'umutungo atanzeho ingwate ukomeza gukoreshwa nk'ingwate ihoraho mu nyungu za Banki kugeza igihe iyo nguzanyo yose izaba yarangije kwishyurirwa.

5. Umukiriya na nyir'umutungo bijeje ko ari nta mafaranga yandi asabwa mu rwego rw'amategeko kuri uwo mutungo wavuzwe hejuru agomba kwishyurwa indi banki iyo ari yo yose cyangwa ikindi kigo icyo ari cyo cyose usibye iyi Banki yatanze inguzanyo.

6. Umukiriya na nyir'umutungo bemeye ko batazatangaho ingwate cyangwa ngo bagurishe umutungo uvugwa mu **Mugereka A** n'ibindi bikorwa bizawukorwaho ku kindi kigo icyo ari cyo cyose Banki itabizi cyangwa itabanje ku byemera mu nyandiko.

7. Umukiriya na Nyir'umutungo bijeje ko ari nta kibazo na kimwe, urubanza cyangwa uburyo bwo kwishyurana buteganyijwe ku byerekeranye n'iyo ngwate cyangwa iyo nguzanyo.

8. Umukiriya na nyir'umutungo bavuze ko umusoro w'uyu mwaka urebana n'umutungo watanzweho ingwate wishyuwe wose uko wakabaye kandi ko biyemeje mu buryo bwose gukuriraho ku gihe imyenda yose yavuka ku byerekeranye n'umutungo wavuzwe;

9. Umukiriya na Nyir'umutungo bafite ubushobozi bwose bwo mu rwego rw'amategeko bwo gushyira umukono kuri aya masezerano arebana n'ingwate n'ubwo kwirengera cyangwa gufata ibyangombwa by'umutungo utimukanwa ujyana n'Ingwate yavuzwe kandi ntabwo bahombye cyangwa ngo umutungo wa bo ube warashyizwe mu maboko y'abandi bashinzwe kuwucunga mu nyungu z'abo bafitiye umwenda.

10. Umukiriya/nyir'umutungo ntabwo azi igikorwa cyo gukurikiranwa cyangwa urubanza urwo ari rwo rwose, rwaba ruri kuburanwa mu rukiko urwo ari rwo rwose rwo mu Rwanda rureba Nyir'umutungo kandi rufite ingaruka kuri uyu mutungo utimukanwa cyangwa kuri iyi nguzanyo nk'Ingwate . Byongeye kandi ntabwo Nyir'umutungo azi urubanza rwaciwe muri urwo rwego cyangwa ifatirwa ry'uwo mutungo kubera imisoro.

11. Umukiriya na Nyir'umutungo ntabwo bahawe imenyesha n'urwego rwa Leta urwo ari rwo rwose rubasaba kugira ibyo batunganya, cyangwa bahindura ku mutungo watanzweho ingwate cyangwa iruhande rwa wo;

12. Nta mafaranga y'Umukiriya/Nyir'umutungo yigeze afatirwa bitewe no kutishyura imisoro cyangwa ubwishingizi bw'uwo mutungo.

13. Umukiriya na Nyir'umutungo bemeye gufatira umutungo watanzweho ingwate ubwishingizi bw'inkongi y'umuriro, ibiza biterwa n'amazi n'amashanyarazi; ubwo bwishingizi bukaba bugomba guhererezaa mu buryo bwihariye inyungu zabwo kuri banki. Umukiriya/Nyir'umutungo yemeye kujya buri gihe avugurura ubwishingizi igihe burangiye;

14. Umukiriya na Nyir'umutungo bumva ko aya masezerano arebana n'ingwate ashobora gukoreshwa n'undi muntu uwo ari we wese hagamijwe kwakira , gufata, kugura, guha cyangwa kwemera itangwa ry'inguzanyo na/cyangwa Ingwate ifitwe ubungubu n'Umukiriya;

15. Ayo masezerano arebana n'ingwate avugwa agamije kuba kandi arebana mu buryo budasubirwaho n'ihererekanya ry'ibyangombwa by'uwo mutungo uvugwa bigahabwa Banki ivugwa muri aya masezerano bikaba bigomba gufatwa nk'ingwate;

16. Byari mu mugambi w'uwatanze ingwate/Nyir'umutungo nk'utanga ingwate muri aya masezerano arebana n'ingwate guha kandi binyuze muri aya masezerano arebana n'ingwate uwatanze ingwate/nyir'umutungo ahaye Banki uburenganzira bwe bwose, ibyangombwa n'inyungu zijyanye n'uwo mutungo kandi n'uburenganzira bwo kugira uwo mutungo bwahawe Banki ;

17. Mu gihe cyo gushyira umukono no gutanga amasezerano avugwa, Umukiriya/nyir'umutungo ntabwo yigeza agira ingingimira ku byerekeranye n'ingaruka zabyo, kandi yabikoze mu bwisanzure no ku bushake bwe kandi ntabwo yabikoze ku gitsure cyangwa ku gahato.

18. Igihe cyo gushyira umukono ku masezerano avugwa, Umukiriya/ nyir'umutungo yakekaga kandi na n'ubu akeka ko inguzanyo yahawe ivugwa hejuru yari ifite agaciro kangana n'ak'umutungo wimukanwa watanzweho ingwate.

19. Aya masezerano akozwe mu rwego rwo kurengera no mu nyungu za Banki muri aya masezerano avugwa, iz'abazayisimbura n'iz'abayihabwa ndetse no mu nyungu z'abandi bose bazakoresha cyangwa bashobora kugira inyungu muri uwo mutungo uvugwa;

20. Umukiriya na Nyir'umutungo bazahamya, bazavuga, bazatanga ubuhamya cyangwa bazemeza imbere y'urukiko urwo ari rwo rwose rubifitiye ububasha, umukozi cyangwa umuntu, mu kibazo icyo ari cyo cyose kiriho cyangwa gishobora gushyirwaho ukuri ku byerekeranye n'ibintu runaka byihariye bivugwa hejuru;

21. Umukiriya na Nyir'umutungo bagomba kumenyesha Banki impinduka izo ari zo zose zagira ingaruka ku miterere y'umutungo watanzweho ingwate ;

22. Umukiriya na Nyir'umutungo bagomba kumenyesha Umwanditsi Mukuru impinduka izo ari zo zose zikozwe ku mutungo watanzweho ingwate kugirango bikosorwe mu gitabo kirebana n'ingwate cy'Umwanditsi Mukuru;

23. Umukiriya na Nyir'umutungo biyemeje mu buryo budasubirwaho gukora ibishoboka byose kugirango babone ibyangombwa by'umutungo byabo bishya bijyanye n'uwo mutungo watanzweho ingwate no kubitangaho ingwate muri Banki kandi, mu gihe ibyo baba batabikoze, Banki izabyikorera mu izina rya nyir'umutungo noneho amafaranga yose azakoreshwa muri iki gikorwa akazishyurwa n'umukiriya. Hifashishijwe aya masezerano, Umukiriya na Nyir'umutungo bahaye Banki ububabasha budasanzwe bwo kuyihagararira muri urwo rwego;

24. Mu gihe Umukiriya/Nyir'umutungo atishyuye inguzanyo yahawe, Banki ifite uburenganzira bwo gukoresha ibisubizo biteganywa mu mabwiriza y'Umwanditsi Mukuru No. **………………………..** yo kuwa **…………………….** agenga ibyerekeye gukodesha, kugurisha muri cyamunara, no kwegukana ingwate. Iyo umutungo watanzweho ingwate ( **uvugwa mu Mugereka A n'ibindi bikorwa byawukozweho nyuma )** ugurishijwe noneho amafaranga akomotse mu gikorwa cyo

kugurisha uwo mutungo watanzweho ingwate ntabashe kwishyura amafaranga aba asigaye kwishyurwa ku nguzanyo y'umukiriya icyo gihe, banki iba ifite uburenganzira bwuzuye bwo kugurisha undi mutungo uwo ari wo wose w'umukiriya uzabasha kwishyura amafaranga yose y'umwenda aba asigaye.
Aho igurisha ribera, itariki riberaho, n'amategeko n'amabwiriza arigenga bisobanurwa mu Mabwiriza y'Umwanditsi Mukuru **No. …………………..** yo kuwa **……………………** agenga ibyerekeye gukodesha, kugurisha muri cyamunara, no kwegukana ingwate nk'uko ashobora kuvugurwa igihe icyo ari cyo cyose.

**25.** Umutungo wimukanwa watanzweho ingwate uvugwa mu **Mugereka A** n'ibindi bikorwa biwukorwaho nyuma bigumya kuba ingwate **ya Banki** kugeza igihe cyose inguzanyo yose uko yakabaye izaba irangiriye kwishyurwa.

**26.** Ku byerekeranye no kwandikisha ingwate, mu gihe umukiriya/Uwatanze ingwate yaramuka atabashije kuboneka, ahaye Banki mu buryo bwumvikana, uburenganzira bwo kwandikisha no gukora izindi mpinduka izo ari zo zose zijyanye no kwandikisha ingwate no kwandukuza umutungo utimukanwa watanzweho ingwate (uvugwa mu Mugereka A) mu izina rye.

**27.** Amakimbirane ayo ari yo yose yavuka hagati y'impande zombi ku byerekeranye n'aya masezerano arebana n'ingwate atabashije gukemurwa mu biganiro hagati y'impande zombi akemurwa hakurikijwe Amategeko y'u Rwanda agenga ingwate.

**28. <u>Ibyerekeranye n'ibikorwa by'imenyesha bikorwa hagati y'impande zombi</u>**

28.1. Imenyesha iryo ari ryo ryose cyangwa ubundi butumwa buba bugenewe:

28.1.1. Banki mu rwego rw'iyi baruwa bwoherezwa kandi bugatangwa kuri Banki ku **Cyicaro Gikuru, Nyarugenge – Kigali;**

28.1.2. Umukiriya mu rwego rw'iyi Baruwa bwoherezwa kandi bugashyikirizwa Umukiriya kuri aderesi ikurikira : No ya Telefone: ……… cyangwa ku yindi aderesi uruhande bireba rumenyesha urundi muri urwo rwego rimwe na rimwe**;**

28.2. Imenyesha iryo ari ryo ryose cyangwa ubusabe bwo kwishyurwa bukorwa na banki bufatwa nk'aho bwakozwe iyo butanzwe mu ntoki cyangwa iyo bwoherejwe bunyujijwe kuri aderesi y'iposita yanditse cyangwa iyo bwoherejwe ku yindi aderese cyangwa imeyeli Umukiriya ashobora kumenyesha Banki mu nyandiko rimwe na rimwe. Imenyesha cyangwa ubusabe, iyo butanzwe mu ntoki, bufatwa nk'ubwakiriwe ako kanya bugitangwa. Iyo bwoherejwe bunyujijwe mu iposita yanditse, bufatwa nk'aho bwakiriwe n'umukiriya nyuma y'iminsi itanu (5) bwoherejwe mu iposita. Iyo bwoherejwe hakoreshejwe imeyili, bufatwa nk'aho bwoherejwe ako kanya imeyili ikimara koherezwa.

**29.** Aya masezerano agengwa kandi agasobanurwa hakurikijwe amategeko y'u Rwanda.

Kubera iyo mpamvu, impande zombi zashyize umukono kuri aya Masezerano ku itariki ivugwa munsi,

**<u>Mu izina rya Banki</u>**

| | |
|---|---|
| **……………………………………….** | **……………..…………………………** |
| **Umukozi wa Banki Ushinzwe Ubucuruzi** | **Umuyobozi w'Ishami** |

………………………………
Umukiriya

**Ba nyir'umutungo**

……………………
Bahagarariwe na
………………………..

…………………………………..

………………………………………..

**UMUGEREKA A**

**IMITERERE Y'UMUTUNGO UTIMUKANWA UTANZWEHO INGWATE MU RWEGO RW'AMATEGEKO**

1. **Umutungo : Inzu**

**Nomero z'Ibyangombwa by'Ubutaka (UPI Number) : ……/…../…../…./……**

**Intara** : **IBURENGERAZUBA**

**Akarere** : **…………………………………..**

**Umurenge : …………………………………**

**Akagari : ………………………………..**

**Agaciro k'Umutungo Utimukanwa : ………….. Frw**

**Agaciro katangiwe ingwate : ………….. Frw**

**AMASEZERANO Y'UMWIMERERE NOMERO ………. IGITABO CYA XVI**

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri n'itatu, ku itariki ……………………. , Twebwe ……………………., noteri wa Leta uri kandi utuye muri ……………….., twemeje ko aya masezerano agizwe n'ingingo ziri imbere yacu twayeretswe na :

1. **…………………………….**
2. **BPR Bank Rwanda Plc**

Hari …**……………………** na **……………………….** bose baba muri Rusizi; bakaba ari abahamya b'aya masezerano kandi bakaba bujuje ibisabwa n'amategeko. Maze gusomera abagiranye amasezerano n'abahamya ibikubiye muri aya masezerano, abagiranye amasezerano bavuze imbere yacu n'imbere y'abahamya bavuzwe hejuru ko aya masezerano, nk'uko yanditse agaragaza neza ubushake bwabo.
Kubera iyo mpamvu, aya msezerano yashyizweho umukono n'abayagiranye na twe, yemezwa kandi aterwaho kashe ya Noteri wa Leta w'ibiro by'Umurenge wa Giheke.

**ABAGIRANYE AMASEZERANO**

**Umukiriya**                                    **Banki/BPR Bank Rwanda Plc**

**……………………………….**                                    **…………………………….**

**ABAHAMYA**

**…………………………….**                                    **………………………**

**Noteri**

**………………………………………………..**

**UBURENGANZIRA BUKOMOKA KURI AYA MASEZERANO**

**Amafaranga ya serivisi yo gusinya amasezerano :**

Amafaranga y'u Rwanda ibihumbi bitatu, yanditswe na twe ………………………….. Noteri wa Leta y'u Rwanda uri kandi utuye mu Murenge wa ……………………., kuri nomero …….. mu **GITABO** ….., igiciro cy'iyo serivisi kikaba ari amafaranga ibihumbi bitatu yishyuriwe ku nyemezabwishyu N° ………………. yo kuwa …. Nyakanga ………. Yatanzwe n'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imisoro n'Amahoro.

**Noteri**

**………………………………………**

**Amafaranga ya serivisi yo gusinya amasezerano:**

Kugirango iyi nyandiko ibashe gushyirweho umukono, iyi serivisi yishyurwa amafaranga y'u Rwanda ………… Frw agaragara ku nyemezabwishyu.

**Noteri**

**KUBWIMANA Consolée**